

# Ubuhinzi bwa kijyambere bw'inyanya

**Ibikenerwa kuri Are imwe: (Are 1=m 10x10)**

| Ingano y'umurama | Imborera | NPK 17.17.17 | Imitabo | Ingemwe ziterwa |
|---|---|---|---|---|
| Garama 5 | Ibiro 200 (Udutebo 8) | Ibiro 8 | 6 | 198 - 264 |

## ICYICIRO CYA 1 — GUTEGURA UBUHUMBIKIRO

-Ahantu bushyirwa: ahatigeze hahingwa ibihingwa byo mu muryango umwe n' ibirayi, urusenda, inyanya, itabi, intoryi n'ibindi nibura mu bihembwe by'ihinga bitatu.
-Ubuso :1% by'umurima wose uzaterwamo.
-Bushyire k'ubugali bwa metero 1 kugeza kuri 1.2 n'ubujyejuru bwa cm 20.
-Umurama ushobora guhumbikwa mu bihoho bikozwe mubirere cyangwa iby'amashashi.

-Ibihoho bipakirwamo itaka n'imborera iboze neza ku ngero za 2:1; bongeramo n'agafumbire gake ka NPK 17.17.17 (agafuniko ka fanta) muri buri gihoho.
-Hanyuma, imbuto ebyiri (2) ziterwa muri buri gihoho k'ubujyakuzima bwa cm 0.5-1

## ICYICIRO CYA 2 — KWINAZA

-Ca imirongo yo kwinazamo ifite ubujyakuzimu bwa cm 0.5 kandi itandukanijwe na cm 10-15
-Koresha Imborera iboze neza, amashyi abiri(ibiro 3-5) na NPK 17-17-17 g 20 (udufuniko 2 twa fanta).
-Umurama ushyirwa muri ya mirongo yaciwe ku ntera ya cm 2 hagati y'imbuto; ukarenzaho agataka gacye bagatsindagira gahoro.




## ICYICIRO CYA 3 — KWITA KU BUHUMBIKIRO NYUMA YO KWINAZA

Ubuhumbikiro burubakirwa bugatwikirwa. Shyiraho isaso y'ibyatsi byumye neza ,Ingemwe zimera nyuma y'iminsi 7 kugeza ku 10. Isaso ihita ikurwaho. Ni ngombwa kuvomerera buri munsi mu gitondo no k'umugoroba.Icira ingemwe ugabanye ubucucike, Gabanya igihe cyo Kuvomerera kandi ugende ugabanya igicucu cy'ubuhumbikiro mu gihe cy'icyumweru kimwe cyangwa 2 mbere yo kugemura.



## ICYICIRO CYA 4 — GUTERA

Ingemwe zifite amababi 3-4.Tera ku ntera ya cm 30-40 (ku nyanya zishingirirwa)na cm 45-60 (ku nyanya zidashingirirwa) Hagati y'urunyanya n'urundi na cm 60 hagati y'imirongo. Kora imitabo ifite ubugali bwa cm 120, buri mutabo ujyamo imirongo ibiri y'inyanya naho hagati y'umutabo n'undi, usige inzira ya cm 40.Tera kare mu gitondo cg ku mugoroba. Urugemwe rujya mu mwobo wa cm 15-20




## ICYICIRO CYA 5 — IMIRIMO IKORWA NYUMA YO GUTERA

Gusasira, Kuvomerera, Kubagara, Kwicira amashami no gukuraho ibisambo. Gufumbira:Shyira Kuri buri rugemwe g 10 ya NPK 17-17-17 ( agafuniko kamwe ka fanta) nyuma y'ibyumweru 3 umaze gutera (kugemura),Ongeramo g 20 za NPK 17 17 17 (udufuniko 2) nyuma y'ibyumweru 6 umaze gutera (kugemura).
Ifumbire ishyirwa ku muzenguruko w'urugemwe aho imizi igarukira.



## ICYICIRO CYA 6 — GUSARURA NO GUFATA NEZA UMUSARURO

-Sarura inyanya zeze neza, ku cyiciro wowe cyangwa umuguzi mwifuzaho inyanya nyuma y'amezi nk'abiri umaze gutera.
-Ibara ritukura rifasha kumenya icyiciro cyo kwera kw'inyanya.
-Inyanya zidahishije cyane zimara igihe kinini naho inyanya zihishije ntizimara igihe kinini. Irinde gushyira inyanya zasaruwe hafi y'izindi mbuto zihishije kuko bituma zishya vuba zikangirika vuba.



Hamagara **4676,** umurongo utishyurwa wa **RAB**